# AMABWIRIZA AGENGA AMARUSHANWA YA ‘’FERWAFA MEN PEACE CUP 2026”

Dushingiye ku ngingo ya 2 n’iya 33 z’Amategeko Shingiro ya FERWAFA n’ingingo ya 28 y’Amategeko Ngengamikorere ya FERWAFA;

Dushingiye ku ngingo ya 12 n’iya 13 z’amabwiriza agenga amarushanwa ya FERWAFA yo ku wa 23/11/2020;

Hemejwe Amabwiriza akurikira:

## IGICE CYA MBERE: INGINGO RUSANGE

**Ibisobanuro by’amagambo:**

- **FERWAFA :** Ishyirahamwe ry’umupira w’amaguru mu Rwanda
- **FERWAFA MEN PEACE CUP :** Irushanwa ry’igikombe cy’ Amahoro rikinwa n’amakipe y’abagabo abarizwa mu cyiciro cya mbere, icya kabiri n’icyagatatu.
- **IFAB:** Inama y’Ubuyobozi y’umupira w’amaguru ku isi.
- **Komite Nyobozi:** Urwego Ngengamikorere kandi ruyobora FERWAFA.
- **Amategeko agenga Umukino :** Amategeko agenga umukino ashyirwaho na IFAB hakurikijwe ingingo bijyanye z’amategeko rusange ya FIFA.
- **Umukinnyi:** Umukinnyi w’umupira w’amaguru wese wanditswe muri FERWAFA.

DS
F S

Initial
MB

- **Umuyobozi:** Buri muntu wese uri mu nama y'ubuyobozi (harimo abagize komite nyobozi), uri muri komite nyobozi, umusifuzi, uwungirije umusifuzi, umutoza, utegura abakinnyi ndetse n'undi muntu uwo ari we wese ushinzwe tekiniki, ubuvuzi ndetse n'ubuyobozi muri FIFA, mu rugaga mpuzamashyirahamwe, muri FERWAFA, mu ihuriro ry'umupira w'amaguru cyangwa mu ikipe cyangwa abandi bantu abo ari bo bose bagengwa n'amategeko shingiro ya FERWAFA ( usibye abakinnyi n'abahuza).

**Ingingo ya 1: Icyo aya mabwiriza agamije n'abo areba**

Aya mabwiriza agamije gushyiraho uburyo **FERWAFA MEN PEACE CUP 2026** (muri aya mabwiriza ryitwa **"Irushanwa''**) rizahuza amakipe yiyandikishije kandi yujuje ibisabwa yo mu kiciro cya mbere, icya kabiri, n'icya gatatu mu bagabo. Aya mabwiriza arareba abakinnyi, abayobozi n'abahagarariye FERWAFA, abareba imikino n'abandi bafatanyabikorwa barebwa n'imigendekere myiza y'irushanwa.

Irushanwa rizakinwa hagati y'itariki ya 4/02/2026 n'iya 30/05/2026 rikazitabirwa n'amakipe 30 yiyandikishije mu buryo buteganywa n'amategeko.

**Ingingo ya 2: Ibirebana n'abayobozi b'imikino (match officials)**

Komisiyo ishinzwe imisifurire muri FERWAFA niyo izajya igena abasifuzi bayobora imikino mu gihe Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA aribwo bushinzwe gushyiraho ba komiseri b'imikino.

Inshingano z'abayobozi b'imikino ziteganywa n'Amabwiriza ya FERWAFA agenga amarushanwa.

**Ingingo ya 3: Gukurikiza amategeko agenga umukino (laws of the game)**

Amategeko y'umukino (laws of the game) azifashishwa mu irushanwa ni ayashyizweho na IFAB.

DS
F S

Initial
MB

## IGICE CYA KABIRI: IMITERERE, IMIGENDEKERE Y'IRUSHANWA N'ABAKINNYI BEMEREWE GUKINA

### Ingingo ya 4: Uburyo irushanwa rizakinwamo

Irushanwa rizakinwa mu buryo bwo gukuranwamo (knockout system) hakinwa imikino yo mu rugo no hanze kuri buri cyiciro usibye umukino wa nyuma n'uwo guhatanira umwanya wa gatatu

Irushanwa ry'igikombe cy'Amahoro umwaka wa 2025-2026 rizitabirwa n'amakipe 30 akurikira:

| S/N | ICYICIRO CYA MBERE | ICYICIRO CYA KABIRI | ICYICIRO CYA GATATU |
|---|---|---|---|
| 1 | BUGESERA FC | INTARE FC | IMANZI FC |
| 2 | MUKURA VS | NKOMBO FC | TELEOS ARROWS FC |
| 3 | RUTSIRO FC | UNITY FC | |
| 4 | MARINES FC | UR FC | |
| 5 | GASOGI UNITED | NYANZA FC | |
| 6 | GICUMBI FC | VISION FC | |
| 7 | AS KIGALI | MOTAR FC | |
| 8 | APR FC | CITY BOYS | |
| 9 | MUSANZE FC | LA JEUNESSE FC | |
| 10 | AS MUHANGA | MUHAZI UNITED FC | |
| 11 | KIYOVU SPORT | SINA GERARD FC | |
| 12 | AMAGAJU FC | SUNRISE FC | |
| 13 | RAYON SPORT | | |
| 14 | ETINCELLES FC | | |
| 15 | GORILLA FC | | |
| 16 | POLICE FC | | |

DS

F S

Initial

MB

**Amakipe atazakina imikino yo mu majonjora bitewe nuko yageze muri 1/4 mu gikombe cy'amahoro mu mwaka w'imikino wa 2024-2025 ni aya akurikira:**

1. POLICE FC
2. AMAGAJU
3. RAYON SPORT FC
4. APR FC
5. AS KIGALI
6. GORILLA FC
7. GASOGI UNITED FC
8. MUKURA V.S & L

- Mu mikino y'amajonjora amakipe 22 azahuzwa hakoreshejwe uburyo bwa Tombola.
- Amakipe 11 yatsinze mu mikino y'ijonjora ribanza (preliminary phase), azashakwamo amakipe 8 agomba gukomeza mu cyiciro gikurikiraho cy'amarushanwa.
- Mu gutoranya amakipe 8 mu makipe 11 yatsinze imikino y'amajonjora hazifashishwa urutonde (Ranking) hagendewe ku giteranyo cy'amanota (points), mu gihe anganya harebye igiteranyo cy'ibitego izigamye (Aggregate), mu gihe banganya ibitego harebwe Ikipe yatsinze ibitego byinshi hanze (away goal), mu gihe byose bingana hazitabazwa ingingo ya 41 y'amategeko agenga amarushanwa ya FERWAFA.
- Hashingiwe ku bivuzwe haruguru, amakipe 8 azaba aya mbere niyo azatombora mu makipe 8 atarakinnye ijonjora ribanza (Ni ukuvuga amakipe yageze muri 1/4 cy'amarushanwa y'igikombe cy'amahoro mu mwaka wa 2024-2025.

DS
F S

Initial
MB

**Ingingo ya 5: Abakinnyi n'umubare w'abasimbura wemewe.**

Abakinnyi bazakina iri rushanwa ni abafite impushya zibemerera gukina muri shampiyona y'umwaka wa 2025-2026 bahawe na FERWAFA. Umubare w'abakinnyi bashyirwa ku rupapuro rw'umukino (feuille de match) ni makumyabiri (20).

Umubare w'abasimbura wemewe mu mukino ni abakinnyi batanu (5) basimbuzwa mu byiciro bitatu hatabariwemo gusimbuza byakozwe mu gihe cy'ikiruhuko (Mi-temps)

**Ingingo ya 6: Umubare w'abakinnyi b'abanyamahanga wemewe**

- Ikipe y'icyiciro cya mbere mu bagabo (Rwanda Premier League) yemerewe abanyamahanga 8 nk'uko bisanzwe bikorwa hashingiwe ku mategeko agenga amarushanwa ya *Rwanda Premier League*.
- Amakipe y'icyiciro cya kabiri n'icya gatatu azakinisha umubare w'abanyamahanga batanu (5) yandikishije k'urutonde rw'abakinnyi izakinisha mu mwaka w'imikino 2025-2026.

**Ingingo ya 7: Ibigenderwaho kugira ngo ikipe ikomeze mu cyiciro gikurikira**

Kuva mu mikino y'amajonjora kugeza mu mikino ya ½ hazakinwa imikino ibanza n'iyo kwishyura (aller et retour), Ikipe ifite amanota menshi cyangwa umubare w'ibitego byinshi ku giteranyo cy'imikino ibiri izajya ihita ikomeza mu cyiciro gikurikira.

Mu gihe nyuma y'umukino wo kwishyura (match retour) amakipe yombi anganya amanota n'umubare w'ibitego, ikipe yatsinze ibitego byinshi mu mukino wo gusura (away goal) niyo izajya ikomeza mu cyiciro gikurikira.

Mu gihe amakipe yombi yanganyije ibintu byose mu mikino ibiri hazitabazwa penaliti *(Tirs au buts)*.

DS
F S

Initial
MB

Mu gihe iminota mirongo icyenda (90) y'umukino irangiye amakipe anganya umubare w'amanota n'uw'ibitego mu mukino wo guhatanira umwanya wa gatatu n'umwanya wa mbere (Final) hazitabazwa penaliti *(Tirs au buts)*.

**Ingingo ya 8: Imyambaro**

Ikipe yasuwe ikinisha imyenda isanzwe yambara yamenyeshejwe igihe cyo gutangira amarushanwa. Igihe amabara asanzwe yambarwa n'amakipe agiye gukina asa cyangwa atera kwitiranya amakipe, ikipe yasuye ihindura imyenda yo gukinisha. Igihe umukino ubera ku kibuga kitari ikimwe mu makipe yakinnye, ikipe yavuzwe bwa kabiri niyo ihindura imyenda yo gukinisha. Igihe cyose Ikipe yasuye igomba kwitwaza imyambaro ibiri idahuje amabara mu rwego rwo kwirinda guhuza ibara n'ikipe yasuwe. Amabara y'imyambaro y'umunyezamu w'ikipe yasuwe ntatuma ikipe yasuye ihindura imyambaro ahubwo uwo munyezamu niwe uhindura imyambaro.

**Ingingo ya 9: Ibibuga n'amasaha**

Imikino izajya ibera ku bibuga amakipe yagaragaje ko azajya akiniraho irushanwa ndetse n'amasaha yagenwe n'Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA. Icyakora, FERWAFA ishobora guhindura amasaha cyangwa ikibuga umukino uberaho hashingiwe ku biteganywa n'amabwiriza agenga amarushanwa ya FERWAFA.

Amakipe agomba kugera ku kibuga kiberaho umukino nibura isaha imwe n'igice mbere y'isaha yagenwe y'umukino.

**Ingingo ya 10: Guhagarika umukino**

Mu gihe umukino uhagaze bitewe n'impamvu zigoye kwigobotora (cas de force majeur) hakurikizwa ibiteganywa n'amabwiriza agenga amarushanwa muri FERWAFA mu ngingo yayo ya 38.5.

DS
F S

Initial
MB

**Ingingo ya 11: Gusezera mu irushanwa**

Ikipe yifuza gusezera mu irushanwa igomba kubimenyesha Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA nibura iminsi irindwi (7) mbere y'uko irushanwa ritangira. FERWAFA ifite uburenganzira bwo kugena uko irushanwa rizakomeza.

Ikipe izarenga ku bivuzwe haruguru, cyangwa ikipe izasezera nyuma y'uko irushanwa ritangiye icibwa ihazabu ry' amafaranga ibihumbi magana atanu (**500,000 Frw**) bitabujije ko ishobora gufatirwa ibindi bihano na Komisiyo ishinzwe imyitwarire hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza bya FERWAFA.

**Ingingo ya 12: Umutekano, imbangukiragutabara no kutagera ku kibuga**

Ibijyanye no gucunga umutekano ku bibuga bireba mbere na mbere ikipe yakiriye umukino *(Home team)*. Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA bufite inshingano zo kumenyesha amakipe ibisabwa mu rwego rw'imicungire y'umutekano ku bibuga no gukurikirana ko yubahirizwa.

Ikipe yakiriye *(Home Team)* itazanye Imbangukiragutabara yujuje ibisabwa *(Ambulance)* ku kibuga, ihita iterwa mpaga. Ikipe yakiriye umukino ikazana Imbangukiragutabara (Ambulance) idafite ibikoresho, iterwa mpaga kuri uwo mukino yakiriye nk'uko biteganywa mu buryo burambuye mu mategeko agenga amarushanwa ya FERWAFA.

Ku mukino wo guhatanira umwanya wa gatatu n'umukino wa nyuma (Final) ibijyanye n'umutekano n'imbangukira gutabara biri mu nshingano za FERWAFA.

**IGICE CYA NYUMA: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 12: Ibidateganyijwe muri aya mabwiriza**

Ku bidateganyijwe muri aya mabwiriza, hazitabazwa amategeko agenga amarushanwa ya FERWAFA.

DS

Initial

Aya mabwiriza azatangira gukurikizwa guhera igihe ashyiriweho umukono.

Bikorewe i Kigali ku wa 06/02/2026

DocuSigned by:
DD1511688DDB4A4...

Signed by:
3EF630CC6710468...

**NGOGA SHEMA Fabrice**
**Perezida wa FERWAFA**

**Bonnie MUGABE**
**Umunyamabanga Mukuru**